

REPUBULIKA Y’U RWANDA



MINISITERI Y’UBUTABERA P.O. BOX 160 KIGALI

IJAMBO RYA MINISITIRI W’UBUTABERA/INTUMWANKURU YA LETA MU GIKORWA CYO GUSURA ABUNZI N’ABATURAGE KIGARAMA, KU WA 9 UGUSHYINGO 2017

Bwana Guverineri w’Intara y’Iburasirazuba,

Bwana Umuyobozi w’Akarere ka Kirehe,

Bayobozi mu nzego zitandukanye,

Abunzi n’abaturage mwese muraho?

Nishimiye kuba uyu munsu ndi kumwe namwe, kugira ngo tunganire kandi twungurane ibitekerezo ku buryo mwebwe Abaturage bo muri aka Karere mugezwaho gahunda zitandukanye Ubuyobozi bw’Igihugu cyacu buba bwabateganyirije ndetse n’uburyo muzishyira mu bikorwa.

Igihugu cyacu cyihaye intego yo kugendera ku mategeko kandi uburenganzira bwa muntu aho ari hose bukubahirizwa;

Bimwe mu bigize uburenganzira bw’umuturage harimo no kuyoborwa neza agahabwa ubutabera mu gihe cyose abukeneye. Ntidushobora kuvuga ko Abaturage bayobowe

neza mu gihe hari abahoterwa ntibarenganurwe, batabaza ntibatabarwe, bakishora mu byaha bibakururira ibibazo tukabirebera ntitugire icyo tubikoraho.

- *Muri aka karere ka Kirehe haravugwa icuruzwa n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge birimo n'inzoga zangiza ubuzima bwanyu.* Kubikoresha rero uretse ko binabangiriza ubuzima, binabateza umutekano muke, ubikoresha ahinduka icyihebe, akarwana, agakomeretsa abandi nawe ubwe atiretse, akenshi bikabaviramo urupfu.
- *Ihohoterwa rishingiye ku gitsina.* Ndahamya ndashidikanya ko ibibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rivugwa muri aka Karere ahanini rikururwa n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge. Uretse n'ibyo kandi, ibyaha by'ihohoterwa iryo ariryo ryose rikwiye gucika mu bantu. Nta mugabo wari ukwiye kuba ari hano yabukereye yaraje umugore we ku nkeke, cyangwa se umugore turi kumwe hano nyamara umugabo we atigeze agoheka iri joro. Abo bantu ntibakwiye kuba baturimo hano. Bakwiye gushakirwa ahandi bajya bakava mu bantu bazima.
- *Abantu bagihohotera abana bakanabatera inda.* Ababa bataramenyekana nta mahoro bakwiye kugira kandi nibanatoroka ubutabera amaherezo bazafatwa. Tugiye kubahiga aho bari hose kandi tuzabahana twihanukiriye, uwari ufite icyo gitekerezo ku mwana uwo ariwe wese agikure mu mutwe we. Ndasaba mwebwe baturage ba Kirehe, kwirinda ibikorwa byose bibagusha mu byaha, nk'ubucuruzi bwambukiranya imipaka bukorwa mu buryo budakurikije amategeko n'ibindi byose bisa nabyo.

Nimunyemerere rero ibyo byaha bibe amateka mu muryango nyarwanda kuko mwabyanga mwabikunda, igihe n'iterambere igihugu cyacu kigezemo, ntibitwemerera kwitwara uko twishakiye, duhungabanya umutekano n'umudendezo w'igihugu n'abagituye ndetse n'utabikora, abere ijisho Leta ayitungira agatoki abo abona babikora.

N'ubwo ariko nibanze ku byaha bikorwa n'uburyo mwabyirinda, ntibitubuza gushima imyitwarire yanyu muri gahunda zibagenewe zirimo iz'imiyoborere myiza.

Mbere na mbere ndagira ngo nshimire ubwitange n'umurava Abunzi mukorana umurimo wo kunga abaturanyi banyu bagiranye amakimbirane kandi mukabikorana umurava, ubwitange n'ubunyangamugayo. Ndashimira abaturage babafasha kugera kuri izo nshingano bakemera kwiyinga mugakomeza inzira y'ubwumvikane no guturana mu mahoro. Abayobozi bo mu nzego z'ibanze bahora hafi Abunzi bacu nabo ni abo gushimirwa, kuko bakora uko bashoboye kugira ngo ibikorwa byo kubanisha abaturage mu mahoro bikorwa n'Abunzi bitange umusaruro.

Ndashimira by'umwihariko Ubuyobozi bw'Akarere ka Kirehe bwafashe iya mbere mu gufasha Abunzi kubona inyoroshyangendo (amagare) yiyongera ku yo Minisiteri y'Ubutabera yari yatanze, ibi bigaragaza agaciro Akarere gaha umurimo w'Abunzi, bityo n'utundi Turere dufatireho urugero cyane cyane dushakira Abunzi icyumba cyo gukoreramo cyihariye kandi gifite umutekano, kugira ngo babashe gukora umurimo wabo w'ubwunzi nta nkomyi, n'ibikoresho byabo birindirwe umutekano.

Ngarutse ku mikorere ya Komite z'Abunzi, nibutse ko Abunzi bacu ari abakorerabushake, batowe kubera ubunyangamugayo mwari mubaziho, si umurimo uhemberwa mwari mubahaye, nta kiguzi na kimwe kigomba guturuka ku muturage gihabwa Umwunzi. Amafaranga cyangwa ikindi cyose uhaye Abunzi ngo bakunde basuzume ikibazo cyawe cyangwa se batange umwanzuro wowe wifuzaga ku kibazo wabashyikirije, **uko ni ugutanga no kwakira ruswa**. Ababigizemo uruhare bose bahanwa kimwe n'Itegeko. Inyoroshyangendo Abunzi barayihawe n'abatarayibona izabageraho vuba, itumanaho bararihawe, ikaramu barayihabwa, wowe muturage utanga umuti w'ikaramu kubera iki? Umwunzi se yandikisha amakaramu abiri kugira ngo agukemurire ikibazo? Utanga amafaranga yo guhagurutsa Inteko kubera iki? Ni ngombwa ko abaturage mumenya uburenganzira bwanyu ntimucuzwe utwanyu ku maherere tukarengera mu mifuka y'abiyita Inyangamugayo. Abunzi bakira iyo ndonke mukwiye kubavuga bakava mu mubare w'Abunzi kuko bagayisha izina ryabo.

Ndagira ngo mbabwire ko kuri ubu Ibihugu bitandukanye bisigaye biza kwigira ku Rwanda no guhaha ubumenyi ku buryo twize kwikemurira amakimbirane mu mahoro, urugero ni abaza kudasobanuka uburyo Inkiko Gacaca zakoze n'uburyo zasoje inshingano zazo zirimo no kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge, abandi bagira amatsiko yo

kumenya uburyo Ubutabera bwegerejwe abaturage, harimo ibikorwa by'Abunzi n'iby'abakozi ba MAJ, harimo kandi Inteko z'Abaturage, umugoroba w'ababyeyi n'ibindi. Kugira ngo ibyiza twagezeho dukomeze kubisigasira, hari ibyo abaturage musabwa birimo no gufasha Ubuyobozi :

- Mugatanga amakuru mu nzego zibishizwe mu gihe mubona ibitagenda neza, cyane cyane ku bibazo byerekeranye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina;
- Mwirinde ubucuruzi bwa magendu bwambukiranya imipaka;
- Mwirinde gutanga ruswa ugamije kugura icyo ufiteho uburenganzira

Uyu munsu nifuje kutiharira ijamba ahubwo nasabye Ubuyobozi bwanyu turi kumwe ko banyemerera nkabaha umwanya mukagira ibitekerezo mungezaho ku buryo mubona ko ubutabera bubegereye. Aho mubona imbogamizi muhambwire, kuko icyo twifuza ni uko umuturage arenganurwa agahabwa ubutabera atavunitse asiragira, kandi mu gihe gito. Sinazanywe no gukemura ibibazo kuko nzi neza ko hari inzego zitandukanye kandi zishoboye kubakemurira ibibazo. Ibibazo by'akarengane mwifuza kungezaho, abakozi ba MAJ turi kumwe hano bamfashe kubikemura cyangwa kubiha umurongo.

Dufatanye twese hamwe kwiyubakira Igihugu kizira amacakubiri, twibungabungire ubumwe n'ubwiyunge, ndetse n'umutekano.

Mugire Amahoro.
